**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE**

**B P: 898, Kigali**
**Toll :6080**
**E-mail:**bulletin@meteorwanda.gov.rw
**Website:** www.meteorwanda.gov.rw

Rwanda Meteorology Agency

**Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°27/2019:** **Taliki: Ukuboza 2019**

**Cyasohotse kuwa 03 Mutarama 2020**

**Ingingoz'ingenzi:**

Muri iki kinyamakuru turasangamo ingingo eshatu z'ingenzi arizo; (i) uko ikirere cyari cyifashe mu kwezi k' Ukuboza 2019, (ii) iteganyagihe ry'ukwezi kwa Mutarama 2020, (iii) ingaruka zatewe n'ikirere m'ukwezi k'Ukuboza 2019 ndetse n'iziteganijwe m'ukwezi kwa Mutarama 2020.

- Muri uku kwezi k'Ukuboza 2019; mu gihugu hose haguye imvura nyinshi cyane ugereranyije n'isanzwe igwa muri uku kwezi .
- Mu kwezi kwa Mutarama 2020; hateganyijwe imvura iringaniye mu turere twose tugize igihugu cyacu, ikigero cy'imvura izaboneka kikaba kiri hagati ya milimetero 75 na 150.
- Muri uku kwezi k'Ukuboza 2029 ubuhehere bw'ubutaka bwariyongereye cyane ugereranyije n'uko bwari bwifashe mu kwezi kw'Ugushyingo, byatumye ibihingwa n'inzuri byongera kumera neza hamwe na hamwe nubwo ahandi ibihingwa byangijwe n'imvura nyinshi ndetse n'imyuzure; iyi mvura nyinshi kandi hakaba aho yatwaye ubuzima bw'abantu ndetse ikangiza n'ibikorwa remezo

**Iriburiro**

Ahenshi mu gihugu haguye imvura nyinshi cyane ugereranyije n'isanzwe ihagwa ubusanzwe muri uku kwezi k'Ukuboza.


## I. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu Ukuboza 2019 mu buryo burambuye

Muri uku kwezi k'Ukuboza2019 imvura yaguye yari hagati ya milimetero 91,1 na 412.8. Imvura nyinshi yapimiwe ku bupimiro bwa Nyamagabe ingana na milimetero 412.8. Intara y'Amajyepfo, iy'Uburengerazuba ndetse n'Umujyi wa Kigali niho hapimwe imvura nyinshi. Mumujyi wa Kigali ku bupimiro bwa Kigali-Aeroport hapimwe milimetero 228.8 na milimetero 262.8 ku bupimiro bwa Gitega. Mu ntara y'amajyepfo kubupimiro bwa Nyamagabe hapimwe milimetero 412.8 na Byimana (357.1mm). Mu majyaruguru bapimye imvura muburyo bukurikira: Gicumbi (91.1mm), Busogo (146mm) na Musanze

(134.7mm). Mu Burengerazuba ku bupimiro bwa Rusizi (260.1mm), Rubavu (160.4mm), Rubengera (214.8mm) na Bugarama (286.9mm). Mu ntara y'Iburasirazuba ku bupimiro bwa Kawangire hapimwe milimetero 110, milimetero 91.1 ku bupimiro bwa Nyagatare na milimetero 286.5 ku bupimiro bwa Ngoma. Iyi mvura nyinshi yatewe n'uko isangano ry'imiyaga ishyushye ituruka mu gice cy' Afurika y'Amajyaruguru n'ikonje ituruka mu gice cy'Afurika y'Amajyepfo yahuriye mu karere u Rwanda ruherereyemo ndetse n'imiyaga ituruka mu mu mashyamba ya Congo byatumye umwuka uhehereye wiyongera mu Rwanda.


**Igiteranyo cy'imvura ku bupimiro butandukanye (muri mm)**

| Ubupimiro | Ukuboza 2019 | Ukuboza |
|---|---|---|
| Kigali | 262.8 | 90.6 |
| Rusizi | 260.1 | 133.5 |
| Rubavu | 160.4 | 95.4 |
| Nyamagabe | 412.8 | 154.9 |
| Ngoma | 286.5 | 97.8 |
| Gicumbi | 96.1 | 83.1 |
| Busogo | 134.7 | 97.2 |
| Bugarama | 286.9 | 136.6 |
| Musanze | 146 | 92.7 |
| Gitega | 228.8 | 113.1 |
| Rubengera | 214.8 | 150.5 |
| Byimana | 357.1 | 112.5 |
| Kawangire | 110 | 96.8 |
| Nyagatare | 91.1 | 75.9 |





Imbonerahamwe ya1

Ikarita zikurikira **1&2** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu Ukuboza 2019 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri uko kwezi.





**Ikaritaya1: Imvura yaguye (mm): Ukuboza 2019**





**Ikarita 2: Imvura isanzwe igwa(mm):Ukuboza**

## II. Ubusesenguzi ku bushyuhe

Impuzandengo y'ubushyuhe bwo hejuru yari hagati ya $29.7^{0}$C na $21.4^{0}$C zabonetse ku bupimiro bwa Bugarama mu karere ka Rusizi no ku bupimiro bwa Gicumbi mu karere ka Gicumbi. Naho impuzandengo y'ubushyuhe bwo hasi yari hagati ya $12.6^{0}$C na $18.9^{0}$C. Igice cy'Amajyaruguru, Amajyepfo niho hakonje ugereranyije n'igice cy'Iburengerazuba, Iburasirazuba n'Umujyi wa Kigali (Ikarita 3 na 4).





Ikaritaya3: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hejuru





Ikarita 4: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hasi

## III. Ubuheherebw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)

Twitegereje amashusho y'icyogajuru ku buhehere bw'ubutaka, biragaragara ko ubuhehere bw'ubutaka bwagiye bwiyongera biturutse kumvura yabonetse muri uku kwezi k'Ukuboza (**reba Ikarita 5&6**).




Ikarita5 :Ugushyingo-2019




Ikarita6: Ukuboza 2019

## IV. Iteganyagihe ryo kuva ku itariki ya 1 kugera 31 Mutarama, 2020




Ikarita 7 :Ingano y'imvura iteganyijwe muri Mutarama

Muri uku kwezi kwa Mutarama hateganyijwe imvura izagwa mu turere twose tw'igihugu ikazaba iri ku kigerero kiri hagati ya milimetero 75 na milimetero 150 ; intara y'Amajyepfo niyo itegayijwemo imvura nyinshi kurusha ahandi muri uku kwezi kwa Mutarama 2020.

## V. INGARUKA

**Ingaruka zatewen'imvura mu Ukuboza 2019**

Imvura yaguye mu muri uku kwezi kwa k'Ukuboza yari nyinshi cyane ugereranyije n'isanzwe igwa muri iyi minsi byateye ingaruka zikurikira:.

- Iyi mvura yaguye muri uku kwezi yafashije ibihingwa gukura neza ndetse n'aborozi babona ubwatsi bw'amatungo.
- Imvura nyinshi yatwaye ubuzima bw'abantu mu bice bimwe na bimwe by'igihugu
- Amazu yubatse ahatameze neza nadasakaye neza yarasenyutse biturutse ku mvura nyinshi n'umuyaga.
- Hamwe na hamwe mu mugihugu habaye imyuzure ndetse n'inkangu kubera imvura nyinshi.
- Iyi mvura nyinshi yo muri uku kwezi k'Ukuboza kandi ishobora kwangiza umusaruro w'ibihingwa bimwe na bimwe bidakunda imvura nyinshi.
- Imvura nyinshi kandi yangije imiyoboro y'amazi bituma amazi asukuye agabanuka.
- Inkuba zatwaye ubuzima bw'abantu ndetse n'ubw'amatungo muduce tumwe na tumwe mu gihugu.

**Ingaruka ziteganyijwe muri Mutarama 2020**

- Ukwiyongera k'ubwatsi bw'amatungo.
- Kwangirika k'umusaruro bitewe n'imvura nyinshi.
- Imyuzure ishobora kuboneka mu ntara y'Amajyepfo n'Iy'Iburengerazuba bitewe n'imvura nyinshi ihateganyijwe.
- Inkuba zakwiyongera cyane cyane mu ntara y'iburengerazuba mu gice kegereye ishyamba rya Congo.
- Indwara zishobora guturuka mu mazi yanduye.

**N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda).**